ISO 9001:2015 CERTIFIED

Kigali, kuwa 28 Ugushyingo 2020

Imvura iteganyijwe mu kwezi k'Ukuboza 2020

Mu kwezi k'Ukuboza 2020, mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 250 ikaba iri ku kigero cy'impuzandengo cy'imvura isanzwe igwa mu Kuboza henshi mu gihugu uretse igice gito cyo mu ishyamba rya Nyungwe giherereye mu turere twa Rusizi, Nyamasheke, Nyaruguru na Nyamagabe izaba iri hejuru gato y'imvura isanzwe ihagwa mu Ukuboza.

Ibisobanuro birambuye ku mvura iteganyijwe buri hantu:

- **Intara y'Iburengerazuba:** Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 140 na 250. Igice cy'Akarere ka Rusizi giherereye mu ishyamba rya Nyungwe hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 200 na 250. Mu karere ka Ngororero no mu burasirazuba bwa Karongi na Rutsiro hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 140 na 160 naho ahandi hasigaye muri iyi ntara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 160 na 200.

- **Intara y'Amajyaruguru**: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 200. Mu turere twa Musanze, Burera, igice cy'amajyaruguru ya Rulindo n'aya Gakenke ndetse n'amajyaruguru y'iburengerazuba bwa Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 180 na 200. Amajyepfo ya Rulindo, Gakenke na Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 140, mugihe ahandi hasigaye muri iyi ntara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 140 na 180.
- **Intara y'Amajyepfo**: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 250. Imvura iri hagati ya milimetero 180 na 250 iteganyijwe mu gice cy'ishyamba rya Nyungwe giherereye mu turere twa Nyamagabe na Nyaruguru ndetse no mu nkengero zaryo. Imvura iri hagati ya milimetero 100 na 120 iteganyijwe mu karere ka Kamonyi no mu burasirazuba bwa Nyanza, Ruhango na Gisagara. Ahandi hasigaye muri iyi ntara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 120 na 180.

- **Umujyi wa Kigali**: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 120. Mu burasirazuba bw'akarere ka Gasabo na Kicukiro hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80, mu karere ka Nyarugenge n'igice cyo hagati cya Gasabo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100 mugihe mu majyaruguru ya Gasabo hateganyijwe imvura iri hagati ya mm 100 na 120.

- **Intara y'Iburasirazuba**: Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 140 niyo ihateganyijwe. Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 140 mu burengerazuba bw'uturere twa Nyagatre na Gatsibo no mu majyepfo y'uturere twa Kirehe, Ngoma na Bugesera. Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80 iteganyijwe mu gice kinini cyo hagati n'amajyaruguru y'akarere ka Kayonza, mu majyaruguru y'Akarere ka Rwamagana no mu burasirazuba bwa Nyagatare, ahandi hasigaye hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100.

Ikarita ikurikira iragaragaza ingano y'imvura iteganyijwe muri buri karere.